Est membre adhérent, toute personne qui souscrit aux objectifs de l'Organisation, accepte ses statuts et qui est agréé par l'Assemblée Générale.

Article 10: Des membres d'honneur

Est membre d'honneur toute personne morale ou physique qui, sans être membre effectif, s'intéresse néanmoins à ses activités et soutient son développement.

Les membres d'honneur peuvent assister sans voix délibérative aux réunions de l'Organisation.

Article 11: De l'admission

Les demandes d'admission en qualité de membre sont adressées au Représentant Légal de l'Organisation.

L'adhésion à l'Organisation est subordonnée à l'acceptation sans réserve des Statuts et du Règlement d'ordre intérieur.

Article 12: De la perte de la qualité de membre

La qualité de membre se perd par dissolution de l'Organisation, retrait du membre et par son exclusion motivée prononcée par l'Assemblée Générale après audition de tous les intéressés.

Ingingo ya 13:
bw'abanyamuryango

Uburenganzira **Article 13: Members' rights**

Article 13: Des Droits des membres

Buri munyamuryango nyakuri afite uburenganzira bwo kugira uruhare mu bikorwa by'umuryango.

Any ordinary member shall have the right to participate in the activities of the Organization.

Tout membre effectif a le droit de participer aux activités de l'Organisation.

Uburenganzira bw'abanyamuryango b'icyubahiro bugenwa n'Inteko rusange.

The Honorary members' rights are determined by the General assembly.

Les droits des membres d'honneur sont déterminés par l'Assemblée générale.

Ingingo ya 14:
z'umunyamuryango

Inshingano **Article 14: Members' obligations**

Article 14: Des obligations des membres

Umunyamuryango, afite inshingano zikurikira:

Every member shall have the following obligations :

Tout membre de l'Organisation est astreint aux devoirs suivants

- Kubahiriza amategeko shingiro n'amabwiriza ngengamikorere y'umuryango;
- Gutanga imisanzu ku gihe;
- Kujya mu nama z'umuryango;
- Kwirinda buri kintu cyose cyabangamira inyungu z'umuryango.

- To abide by the Organization's constitution and Internal rules and regulations ;
- To regularly discharge their membership fee;
- To actively participate in the meeting of the Organization;
- To refrain from any action or omission that may jeopardize the interest of the Organization.

- Respecter les statuts et le règlement d'Ordre intérieur de l'Organisation ;
- S'acquitter régulièrement de ses cotisations ;
- Participer activement aux réunions de l'Organisation ;
- S'abstenir de toute action ou omission susceptible de nuire aux intérêts de l'Organisation.

UMUTWE WA GATATU:

CHAPTER THREE :

CHAPITRE TROIS :

INZEGO Z'UMURYANGO

ORGANS OF THE ORGANISATION

DES ORGANES DE L'ORGANISATION

Ingingo ya 15: Inzego n'abayobozi

Article 15: Organs and leaders

Article 15: Des Organes et des dirigeants

Inzego z'Umuryango n'izi zikurikira:

The Organization shall have the following organs:

Les organes de l'Organisation sont:

- Inteko Rusange;

- The General Assembly,

L'Assemblée Générale,

- Inama y'Ubutegetsi;
- Ubugenzuzi bw'Imari;
- Urwego Rukemura Amakimbirane.

- Board of Director's
- The Auditorship.
- The Conflict Resolution Organ.

- Conseil d'Administration
- Le Commissariat aux comptes.
- L'Organe de Résolution des conflits.

Abayobozi b'Umuryango bateganywa muri aya Mategeko Shingiro no mu Mategeko ngengamikorere.

Organization leaders are determined in this Constitution and the Internal Regulations.

Les dirigeants de l'Organisation sont déterminés dans les présents Statuts et dans le règlement d'ordre intérieur.

Ingingo ya 16: Ibishingirwaho kugira ngo umuntu abe umuyobozi n'uko abitakaza

Article 16: Criteria considered for being a leader or loss of leadership

Article 16: Les modalités d'obtention et de perte du statut de dirigeant

Umuyobozi wese wo mu nzego z'umuryango agomba kuba:

Any leader for any position of the organization shall be required to fulfil the following requirements:

Pour être dirigeant dans un quelconque poste de l'organisation, il faut remplir les conditions suivantes:

1. Ari inyangamugayo;
2. Afite imyaka y'ubukure;
3. Ari umukiristo wavutse ubwa kabiri;
4. Yujuje ibindi bisabwa byihariye biri muri Bibiliya, mur'aya mategeko shingiro cyangwa mu mategeko ngengamikorere y'umuryango.

1. to be person of integrity;
2. to be of a majority age;
3. To be a born again Christian;
4. To fulfil any other requirement written in the Bible, this Constitution or the internal rules and regulations of the Organization.

1. Etre intègre ;
2. Etre majeur d'âge ;
3. Etre Chrétien né de nouveau
4. Remplir toute autre condition prévue dans la Bible, dans les présents Statuts ou dans le règlement d'ordre intérieur de l'Organisation.

Uburyo umuntu atakaza ubuyobozi buteganywa muri aya mategeko shingiro cyangwa mu mategeko ngengamikorere y'umuryango.

Conditions leading to loss of the leadership status are provided in this Constitution or in the internal rules and regulations of the Organization.

Les conditions de perte du statut de dirigeant sont prévues dans les présents statuts ou dans le règlement d'ordre intérieur de l'Organisation.

Ingingo ya 17: Inteko Rusange

Article 17: General Assembly

Article 17: L'Assemblée Générale

Inteko rusange nirwo rwego rw'ikirenga rw'Umuryango.

The General Assembly shall be the Organization's supreme organ.

L'Assemblée Générale est l'organe suprême de l'Organisation.

Igizwe n'abantu bakurikira:

It shall be comprised of:

Elle est composée de :

- Abagize Inama y'Ubutegetsi;
- Abagize Urwego rushinzwe gukemura

- Board members;
- Conflict resolution organ members;

- Des membres du Conseil d'Administration ;
- Des membres de l'Organe de règlement des

- amakimbirane;
- Intumwa imwe (1) ihagararira Umuryango ku rwego rw'Intara.

- One representative of the organization at the Province level.

différends ;

- Un représentant l'organisation au niveau de Province.

Ingingo ya 18: Inshingano z'Inteko Rusange

Article 18: Responsibilities of the General Assembly

Article 18: Des Attributions de l'Assemblée Générale

Inteko Rusange ifite inshingano zikurikira:

The General Assembly shall have the following responsibilities:

L'Assemblée générale exerce les attributions suivantes:

- Kugena ibikorwa by'Umuryango;
- Gushyiraho no guhindura amategeko shingiro n'amabwiriza ngenamikorere;
- Gutora no gukuraho Umuvugizi n'Umuvugizi usimbura b'Umuryango;
- Kwemeza no gusezerera abagize inzego z'umuryango;
- Kwemera, guhagarika by'agateganyo no gusezerera abanyamuryango;
- Kwemeza ingengo y'imari y'umwaka;
- Kwemeza imicungire y'umutungo w'umuryango ya buri mwaka;
- Guhindura icyicaro cy'Umuryango;
- Gusesa Umuryango.

- To determine the activities of the Organization;
- To approve and amend the constitution and the Internal Rules and Regulations;
- To elect and remove the Legal Representative and the Deputy Legal Representative of the Organization;
- To approve and remove members of the various organs of the organization;
- To approve, suspend or expel members from the Organization;
- To approve the annual budget;
- To approve the Organization's annual accounts;
- To change the headquarters of the Organization;
- To dissolve the Organization.

- Déterminer les activités de l'Organisation ;
- Adopter et modifier les Statuts et le Règlement d'ordre intérieur ;
- Elire et révoquer le Représentant légal et le représentant légal suppléant de l'Organisation ;
- Approuver et Révoquer les membres des divers organes de l'organisation ;
- Agréer, suspendre ou exclure les membres de l'Organisation ;
- Adopter le Budget Annuel ;
- Approuver les comptes annuels de l'Organisation ;
- Changer le siège de l'Organisation ;
- Dissoudre l'organisation.

Ingingo ya 19: Guhamagaza Inteko Rusange

Article 19: Convening meetings of the General Assembly

Article 19: De la convocation de l'Assemblée Générale

Inteko Rusange ihamagazwa kandi ikayoborwa n'Umuvugizi w'umuryango, yaba adahari, inteko igahamagazwa n'Umuvugizi Usimbura. Igihe bombi badahari, Inteko Rusange ihamagazwa mu nyandiko isinyweho na bibiri

The General Assembly shall be convened and presided over by the Legal representative or in his or her absence, by the Deputy legal representative of the organization. In case of simultaneous absence of the Legal

L'Assemblée Générale est convoquée et dirigée par le Représentant légal ou en cas d'empêchement, par le Vice- représentant. En cas d'absence simultané du Représentant légal et de son adjoint, elle est convoquée par écrit par les deux tiers des

bya gatatu by'abagize Inteko.
Icyo gihe Inteko Rusange yitoramo Umuyobozi w'inama.

representative and his deputy, the Convention shall be convened upon a written request by two thirds of members of the General Assembly. In that case, the General Assembly elects from among itself the chairperson of the meeting.

membres de l'Assemblée générale. Dans ce cas, l'Assemblée Générale élit en son sein un président de la réunion.

Ingingo ya 20: Inteko Rusange Isanzwe

Article 20: Ordinary session of the General Assembly

Article 20: L'Assemblée Générale Ordinaire

Inteko Rusange iterana rimwe mu mwaka mu nama isanzwe.

The General Assembly shall meet in an ordinary session once a year.

L'Assemblée Générale se réunit une fois par an en session Ordinaire.

Inzandiko z'ubutumire zikubiyemo ibiri ku murongo w'ibygwa, umunsi, ahantu n'isaha zishyikirizwa abayigize mu minsi mirongo itatu mbere yuko inama iterana.

Invitations with items on the agenda, the date, the location and hour of the meeting shall be sent to the members 30 days before the date of the meeting.

Les invitations contenant l'Ordre du jour, la date, le lieu et l'heure sont envoyées aux membres trente jours avant la date de la réunion.

Ingingo ya 21: Ibyemezo by'Inteko Rusange

Articles 21: Deliberations of the General Assembly

Articles 21: Des décisions de L'assemblée Générale

Inteko Rusange iterana kandi igafata ibyemezo iyo nibura bibiri bya gatatu by'abayigize bahari. Iyo uwo mubare utuzuye, indi nama itumizwa mu minsi cumi n'itanu. Icyo gihe, Inteko Rusange iraterana kandi igafata ibyemezo bifite agaciro ititaye ku umubare w'abaje.

The General Assembly shall lawfully meet and make deliberations when at least two thirds of its members are present. In case of failure to reach this quorum, the meeting shall be reconvened in fifteen days. For this time, the meeting shall lawfully be held and make deliberations irrespective of the number of those who are present.

L'Assemblée Générale siège et délibère valablement lorsqu'au moins les deux tiers de ses membres sont présents. Si ce quorum n'est pas atteint, une nouvelle convocation est lancée dans un délai de quinze jours. A cette occasion, l'Assemblée Générale siège et délibère valablement quel que soit le nombre des participants.

Ingingo ya 22: Inteko Rusange idasanzwe

Article 22: Extraordinary Session of the General Assembly

Article 22: L'Assemblée Générale Extraordinaire

Inteko Rusange Idasanzwe iterana buri gihe bibaye ngombwa. Uburyo bw'ihamagarwa n'ubw'imiyoborere ni bumwe n'ubw'Inteko Rusange Isanzwe. Igihe cyo kuyitumiza ni

The General Assembly shall hold extraordinary session whenever necessary. Modalities for convening an extraordinary session of the General Assembly shall be like those for an

L'Assemblée Générale Extraordinaire se tient autant des fois que de besoin. Les modalités de sa convocation et de sa présidence sont les mêmes que celle de la l'Assemblée Générale Ordinaire. Les

iminsi irindwi. icyo gihe gishobora kugabanywa bibaye ngombwa. icyo gihe impaka zigibwa gusa ku kibazo cyateganyijwe mu butumire bw'uwo muni.

Ingingo ya 23: Ibyemezo by'Inteko

Uretse ibiteganywa ukundi n'Itegeko ryerekeye imiryango ishingiyeye ku idini hamwe n'aya mategeko shingiro, ibyemezo by'Inteko rusange bifatwa hakurikijwe ubwiganze busesuye bw'amajwi. Iyo amajwi angana, irya Perezida ribarwa kabiri.

Ingingo ya 24: Inama y'Ubutegetsi

Inama y'Ubutegetsi igizwe na:

- Perezida akaba n'Umuvugizi
- Visi-perezida akaba n'Umuvugizi usimbura ;
- Umunyamabanga Mukuru
- Umubitsi;
- Abajyanama batatu

Ingingo ya 25: Itorwa ry'abagize Inama y'Ubutegetsi

Abagize Inama y'Ubutegetsi batorwa n'inteko rusange mu bwumvikane mu bagize Inteko Rusange. Iyo bidashobotse ko habaho ubwumvikane, haba amatora mu nyandiko kandi

ordinary session of the General Assembly. The time limit for convening it shall be seven days which may, however, be reduced in case of emergence. Items on the agenda of the session shall be only the ones to be discussed.

Article 23: Decisions of the General assembly

Unless where explicitly mentioned in the law governing the Religious-based organizations and in this constitution, the decisions in the General Assembly shall be taken by the absolute majority of votes. In case of a voting tie of equality of votes, the President's vote shall count double.

Article 24: The Board of Directors

The Board of Directors shall be comprised of the following:

- The president, Legal Representative;
- The Vice-president and Deputy Legal Representative;
- General Secretary;
- Treasurer ;
- Three advisers.

Article 25: Election of Members of the Board of Directors

The members of the Board of Directors will be nominated by the general assembly in consensus from the members of the General Assembly. In case of disagreements on the nomination, a

délais de sa convocation sont fixés à sept jours mais peuvent être réduits en cas d'extrême urgence. Les débats ne portent que sur la question à l'Ordre du jour.

Article 23: Des décisions de L'assemblée générale

Sauf pour les cas expressément prévus par la loi relative aux Organisations fondées sur la religion et par les présents statuts, les décisions de l'Assemblée Générale sont prises à la majorité absolue des voix. En cas d'égalité des voix, celle du Président compte double.

Article 24: Du Conseil d'Administration

Le Conseil d'Administration est composé :

- du Président, Représentant Légal;
- du Vice-président et Représentant Légal Suppléant ;
- du Secrétaire Général ;
- Du Trésorier ;
- De trois conseillers.

Article 25: De l'Election des membres du Conseil d'Administration

Les membres du Conseil d'Administration sont élus par consensus parmi les membres de l'Assemblée Générale pour un mandat de cinq ans renouvelable. En cas d'échec du consensus il est procédé au

mu ibanga. Batorerwa igihe cy'imyaka itanu ishobora kongerwa.

secret ballot will be used to vote. They serve for a five years renewable term.

scrutin secret.

Abagize inama y'Ubutegetsi bavanwaho n'impamvu zikurikira:

-Gusezera k'ubushake;
-Guhamwa n'icyaha gisebya Umuryango;

- Kuba atatorewe kuyobora;
-Urupfu.

Board members duties cease for one of these reasons:

- Voluntarily resignation;
- Condemnation to any offence blackmailing the Organization;
- In case he/she is not elected;
- Death.

Les membres du Conseil d'Administration cessent leurs fonctions par:

- Démission volontaire;
- Condamnation pour une infraction entachant la réputation de l'organisation;
- Quand il n'est pas élu;
- Décès.

Ingingo ya 26: Iterana rya Komite Nyobozi

Article 26: Meetings of the Board of Directors

Article 26: Des Réunions du Conseil d'Administration

Inama y'Ubutegetsi iterana nibura rimwe mu gihembwe, ihamagawe na Perezida wayo, yaba afite impamvu ituma ataboneka, igahamagarwa na Visi- Perezida.

The Board of Directors shall meet at least once quarterly upon the invitation by its president or, in case of his/her unavailability, by the Vice-president.

Le Conseil d'Administration se réunit au moins une fois par trimestre sur convocation de son Président ou à défaut par le Vice – Président en cas d'empêchement du premier.

Inama y'Ubutegetsi iterana muburyo bwemewe iyo hari 2/3 by'abayigize. Ibyemezo byayo bifatwa hakurikijwe ubwiganze bw'amajwi iyo hatabayeho ubwumvikane. Iyo amajwi angana, irya Perezida ribarwa kabiri.

The Board of Directors shall lawfully meet when two thirds of its members are present. Its decisions shall be taken by the simple majority of votes only after failure to reach consensus. In case of a voting tie, the vote of the President shall count double.

Le Conseil d'Administration siège à la majorité de deux tiers de ses membres. Ses décisions sont prises à la majorité simple des voix, seulement lorsqu'il n'y a pas eu consensus. En cas d'égalité de voix celle du Président compte double.

Ingingo ya 27: Inshingano z'Inama y'Ubutegetsi

Article 27: Responsibilities of the Board of Directors

Article 27: Des Attributions du Conseil d'Administration

Inama y'Ubutegetsi ishinze:

- Gukurikirana ishyingira mu bikorwa ry'ibyemezo n'ibyifuzo by'Inteko Rusange;
- Kwita ku micungire myiza

The Board of Directors shall have the following responsibilities:

- To ensure the implementation of decisions and resolutions made by the General Assembly;
- To ensure the proper management of the

Le Conseil d'Administration est chargé de:

- Veiller à l'application et à l'exécution des décisions et résolutions de l'Assemblée Générale ;
- S'assurer de la bonne gestion de l'Organisation;

- | | | |
|---|---|--|
| <p>y'Umuryango;</p> <ul style="list-style-type: none">- Gukora raporo y'ibyakozwe mu mwaka urangiye;- Gutegura ingengo y'imari igomba gushyikirizwa Inteko Rusange;- Gushyikiriza Inteko Rusange ingingo z'amategeko m'amabwiriza ngenga mikorere zigomba guhindurwa.- Gukora ikindi cyose gisabwa n'Inteko rusange kidafite urundi rwego rugishinzwe. | <p>Organization;</p> <ul style="list-style-type: none">- To prepare the annual activity report for the previous year;- To prepare the budget proposal to be submitted to the General Assembly;- To submit to the General Assembly amendment proposals to constitution and internal rules and regulations.- To perform any other activity that is not assigned to any existing organ. | <ul style="list-style-type: none">- Rédiger le rapport annuel d'activités de l'exercice écoulé;- Elaborer les prévisions budgétaires à soumettre à l'Assemblée Générale;- Proposer à l'Assemblée Générale les modifications aux statuts et au Règlement d'Ordre Intérieur.- S'occuper de toute autre activité qui n'est pas attribuée à aucun autre organe. |
|---|---|--|

Ingingo ya 28: Perezida w'Umuryango n'Umusimbura we

Umuvugizi n'Umuvugizi usimbura batorwa mu bwumvikane mubagize inteko rusange bamaze nibura imyaka icumi mu muryango. Igihe batorerwa kingana n'imyaka 5 ishobora kongerwa.

Iyo bidashobotse ko bashyirwaho mu bwumvikane, hakorwa amatora mu ibanga.

Umuvugizi cyangwa Umuvugizi usimbura bavanwaho n'impamvu zikurikira:

- Gusezera k'ubushake;
- Guhamwa n'icyaha gisebya Umuryango;
- Urupfu.

Article 28: The President of the Organization and his/her Deputy

The Legal Representative and Deputy Legal Representative shall be elected from members of the general assembly who have at least been active member of the organization for a period not less than 10 years. They have 5 years renewable term.

In case of failure to reach a consensus, voting shall be by a secret ballot secret ballot shall be organized.

They cease to hold office for one of these reasons:

- Personal resignation;
- Commission of a serious sin that dishonors the Organization;
- Death.

Article 28: Du Président de l'Organisation et de son suppléant

Le Représentant légal et le Vice- Représentant légal sont élus par consensus parmi les membres de l'assemblée générale ayant servi au moins dix ans dans l'Organisation. Ils ont un mandat de 5 ans renouvelable.

En cas d'échec du consensus, il est procédé au scrutin secret.

Ils cessent d'exercer leurs fonctions en cas de :

- Démission personnelle,
- Commission d'un péché grave qui déshonore l'Organisation,
- Décès.

Ingingo ya 29: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru n'iz'Umubitsi

Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru n'iz'Umubitsi zizateganywa mu Mategeko Ngenamikorere y'Umuryango.

Ingingo ya 30: Ibyerekeye Ubugenzuzi bw'Imari

Inteko Rusange itora buri mwaka abagenzuzi b'imari babiri bafite inshingano yo kugenzura buri gihe imicungire y'imari n'indi mitungo by'umuryango no kubikorera raporo. Bafite uburenganzira bwo kureba mu bitabo n'inyandiko by'ibaruramari by'Umuryango ariko batabijyanye hanze y'ububiko.

Inteko Rusange ishobora guhagarika Umugenzuzi w'imari udakora umurimo we neza maze igashyiraho umusimbura mu gihe gisigaye ngo manda irangire.

Ingingo ya 31: Urwego rushinzwe gukemura amakimbirane n'abarugize

Hashyizweho urwego rushinzwe gukemura amakimbirane avutse hagati y'abanyamuryango rugizwe n'abantu batatu(3) batorwa n'Inteko rusange y'Umuryango ku rutonde rw'abakandida batangwa n'Inama y'Ubutegetsi. Bitoramo Perezida n'umwanditsi warwo.

Article 29: The duties of the General Secretary and the Treasurer

The duties of the General Secretary and the Treasurer will be provided in the Internal rules and regulation of the Organization.

Article 30: Auditor ship

The General Assembly shall appoint, on an annual basis, two financial auditors whose duty shall be to always check on the financial management and other elements pertaining to the property of the Organization prepare a report thereof. They shall have access to the Organization's books of accounts and accounting documents but without removing them from the place they are kept in.

The General Assembly may decide to terminate the term of office for a financial auditor who does not properly perform his or her duties and proceed with his or her replacement for the remaining part of the term of office.

Article 31: The Conflict resolution organ and its composition

It is created an Organ of Conflict Resolution composed of three people (3) elected by the General Assembly for term of three years renewable once on the list proposed by the Board of Directors. They shall elect from among them selves a chair person.

Article 29: Des attributions du Secrétaire Général et du Trésorier

Les attributions du Secrétaire Général et du Trésorier seront prévus dans le Règlement d'Ordre intérieur de l'Organisation.

Article 30: Du Commissariat aux comptes

L'Assemblée Générale nomme annuellement deux commissaires aux comptes ayant pour mission de contrôler en tout temps la gestion des finances et autres éléments du patrimoine de l'Organisation et de lui en faire rapport. Ils ont accès, sans les déplacer, aux livres et aux écritures comptables de l'Organisation.

L'Assemblée Générale peut mettre fin au mandat d'un Commissaire aux Comptes qui ne remplit pas convenablement sa mission et pourvoir à son remplacement pour la durée du mandat restant encore à courir.

Article 31: L'organe de résolution des conflits et sa composition

Il est créé l'Organe de résolution des conflits composé de trois personnes (3) élues par l'Assemblée générale pour un mandat de trois ans renouvelable une fois sur la liste de candidats proposés par le Conseil d'Administration. Ils élisent parmi eux un président.

Ingingo ya 32: Amahame agenderwaho mu gukemura amakimbirane

Ubwumvikane buke, ibibazo cyangwa amakimbirane hagati y'abanyamuryango kandi bikeneye gukiranurwa, bikemurwa hakurikijwe amahame ashingiye kuri Bibiliya no ku buryo buteganywa mu mategeko shingiro n'amategeko ngenza mikorere y'umuryango.

Ingingo ya 33: Ububasha bw'urwego rukemura amakimbirane

Mu gihe amakimbirane akomeje bityo bikaba ngombwa ko hitabazwa inzego zo hejuru z'umuryango, Urwego rushinzwe gukemura amakimbirane rufite ububasha bwo guterana rukageza ku nzego bireba umuti w'ikibazo.

Ingingo ya 34: Ukuregera Inkiko

Igihe imyanzuro yatanzwe n'urwego rushinzwe gukemura amakimbirane itashoboye kuyarangiza, hitabazwa inkiko zibifitiye ububasha.

UMUTWE WA KANE: UMUTUNGO W'UMURYANGO

Ingingo ya 35: Umutungo wimukanwa n'utimukanwa

Umuryango wemerewe kugira umutungo wimukanwa n'utimukanwa ukenewe kugira ngo ugere ku ntego zawo.

Article 32: Guiding principles for conflict resolution

Any interpersonal misunderstanding, dispute or conflict requiring third party mediation shall be dealt with according to principles described in the Bible, to the Organization's Constitution and internal regulations of the Organization.

Article 33: Powers of the Conflicts resolution organ

In the event of persistent conflict involving major organs of the Organization, the Conflict resolution organ is competent to sit in order to recommend to the concerned organs the solution on the matter.

Article 34: Adjudication by the courts

In case the solutions to the conflict taken by the conflict resolution competent organ have not solved the issue, a claim is filled to the competent states courts for solving the litigation.

CHAPTER FOUR : PROPERTY OF THE ORGANIZATION

Article 35: On Movable and Immovable assets

The Organization may own all movable and immovable assets that shall be necessary for the achievement of its purpose.

Article 32: Principes applicables en matière de règlement des conflits

Tout malentendu, contentieux ou conflit interpersonnels nécessitant une médiation par une autre partie seront traités suivant les principes décrits dans la Bible et ceux prévus dans les statuts et les règlements internes de l'Organisation.

Article 33: Pouvoirs de l'Organe de résolution des conflits

En cas de conflit persistant engageant les organes supérieurs de l'Organisation, l'Organe de résolution des conflits est habilité à siéger pour recommander aux organes concernés la solution en la matière.

Article 34: Règlement judiciaire des litiges

Lorsque les remèdes pris par l'instance compétente de règlement de litiges s'avèrent inopérants, les instances juridictionnelles compétentes sont saisies du cas

CHAPITRE QUATRE : DU PATRIMOINE DE L'ORGANISATION

Article 35: Des Biens meubles et immeubles

L'Organisation peut posséder tous biens meubles et immeubles nécessaires à la réalisation de son objectif.

Ingingo ya 36: Umutungo w'Umuryango

Umutungo w'Umuryango ukomoka ku misanzu y'abanyamuryango, impano, imirage, imfashanyo zinyuranye n'umusaruro ukomoka ku bikorwa byawo.

Ingingo ya 37: Imikoreshereze y'umutungo

Umuryango ugenera umutungo wawo ibikorwa byose byatuma ugera ku ntego zawo ku buryo buziguye cyangwa butaziguye.

Nta munyamuryango ushobora kuwiyitirira cyangwa ngo agire icyo asaba igihe asezeye ku bushake, iyo yirukanywe cyangwa iyo Umuryango usheshwe.

UMUTWE WA GATANU: IHINDURWA RY'AMATEGEKO SHINGIRO

Ingingo ya 38: Ihindurwa ry'amategeko shingiro

Aya mategeko ashobora gusubirwamo, kuzuzwa cyangwa guhindurwa n'Inteko rusange ku bwiganze burunduye bw'amajwi bisabwe n'Inama y'Ubutegetsi cyangwa na ½ cy'abagize Inteko rusange.

Article 36: On the Resources of the Organization

Resources of the organization shall come from membership fee, donations, bequeaths, various types of grants and various such other proceeds from services by the organization.

Article 37: On Resources Allocation

The Organization's resources shall be allocated to any input as may directly or indirectly contribute to the achievement of its purpose.

No member shall claim for the right to any share from such resources in the event of expulsion, resignation, or of the dissolution of the Organization.

CHAPTER FIVE: AMENDMENT OF THIS CONSTITUTION

Article 38: Amendment of this Constitution

This constitution may be reviewed, complemented or amended by the General Assembly upon the decision by an absolute majority of votes after the proposal by either the Board of Directors or one half of the General Assembly.

Article 36: Des Ressources de l'Organisation

Les ressources de l'Organisation proviennent des contributions des membres, des dons, des legs, des subventions et autres divers revenus pouvant être générés par les activités de l'Organisation.

Article 37: De l'Affectation des Ressources

L'Organisation affecte ses ressources à tout ce qui concourt directement ou indirectement à la réalisation de son objet.

Aucun membre ne peut s'en arroger le droit de possession ni en exiger une part quelconque en cas de retrait volontaire, d'exclusion ou de dissolution de l'Organisation.

CHAPITRE CINQ: MODIFICATION DES STATUTS

Article 38: Des Modifications Statutaires

Les présents statuts peuvent être revus, complétés ou modifiés par l'Assemblée générale sur décision prise à la majorité absolue des voix soit sur proposition du Conseil d'Administration soit à la demande de la moitié des membres de la l'Assemblée.

UMUTWE WA GATANDATU: ISESWA RY'UMURYANGO

Ingingo ya 39: Iseswa ry'Umuryango

Byemejwe ku bwiganze bwa 2/3 by'amajwi y'abayigize, Inteko Rusange ishobora gusesa Umuryango, nk'igihe umuryango utagishobora kuzusa inshingano zawo.

Muri icyo gihe, ishira umuntu umwe cyangwa benshi usesa umuryango nyumayo kwishyura imyenda, bityo ibisigaye bigahabwa undi muryango ukora nk'uwabo.

UMUTWE WA KARINDWI :

IBYEREKEYE INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

Ingingo ya 40: Ingingo z'Inzibacyuho

Amategeko Shingiro n'Inzego by'Umuryango udaharanira inyungu witwa 'Itorero ry'Intumwa ry'Ububyutse mu Rwanda' nk'uko byashyizweho muri 2002 bisimbujwe ibiteganywa n'aya Mategeko Shingiro.

Umutungo n'imyenda by'umuryango udaharanira inyungu wavuzwe byeguriwe nta kiguzi Umuryango uteganywa n'aya Mategeko Shingiro.

CHAPTER SIX: DISSOLUTION OF THE ORGANISATION

Article 39: On Dissolution

The General Assembly may, upon a two-third majority of votes of its members, decide to dissolve the Organization, especially in the event the Organization is no longer able to achieve its mission.

In that case, the Convention shall appoint one or several trustees to ensure payment of liabilities and allocate the remaining assets to an organization with similar objective.

CHAPTER SEVEN:

TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

Article 40: Transitional provisions

The constitution of the Non for Profit Organization called "APOSTOLIC CHURCH FOR REVIVAL IN RWANDA" as adopted in 2002 is hereby replaced by this Constitution.

The assets and liabilities of the said association are transferred free of charge to the Organization created by this Constitution.

CHAPITRE SIX : DE LA DISSOLUTION DE L'ORGANISATION

Article 39: De la Dissolution

L'Assemblée Générale sur décision des deux tiers des voix de ses membres peut prononcer la dissolution de l'Organisation, notamment lorsque celle-ci n'est plus en mesure de remplir sa mission.

Dans ce cas, elle désigne un ou plusieurs liquidateur(s) qui, après apurement du passif, affecteront le patrimoine restant à une organisation poursuivant le même objectif.

CHAPITRE SEPT:

DES DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Article 40 : Dispositions transitoires

Les statuts de l'Association Sans But Lucratif dénommée "Eglise Apostolique pour le Réveil au Rwanda" tels que adoptés en 2002 sont remplacés par les présents statuts.

Le passif et l'actif de ladite association sont gratuitement transférés à l'Organisation créée par les présents statuts.

Ingingo ya 41: Uburyo amategeko shingiro azubahirizwa

Uburyo aya mategeko shingiro azubahirizwa kimwe n'ibindi bidateganyijwe nayo bizasobanurwa ku buryo burambuye mu mabwiriza ngenga mikorere y'Umuryango azemezwa n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 42: Kwemeza Amategeko shingiro

Aya amategeko yemejwe kandi ashyizweho umukono n'abagize Inteko Rusange bari ku mugereka wayo.

Bikorewe i Kigali, kuwa 13/02/2013

(sé)
Abavugizi b'Umuryango

Article 41: Modalities for the implementation of this Constitution

For modalities to implement this constitution and any other matter not contained therein, reference shall be made to internal rules and regulations of the Organization that shall be approved by the General Assembly.

Article 42: On adoption of this constitution

The present constitution is approved and adopted by the General Assembly of the Organization whose list is attached herewith.

Done at Kigali, on 13/02/2013

(sé)
Legal Representatives of the Organization

Article 41: Modalité d'exécution des présents statuts

Les modalités d'exécution des présents statuts et tout ce qui n'y est pas prévu seront déterminés dans un règlement d'ordre intérieur de l'Organisation adopté par l'Assemblée générale.

Article 42: De l'adoption des Statuts

Les présents statuts sont approuvés et adoptés par les membres de l'Assemblée Générale de l'Organisation dont la liste est en annexe.

Fait à Kigali, 13/02/2013.

(sé)
Les Représentants Légaux de l'Organisation

INAMA RUSANGE YO KUWA 13/02/2013

- Inama yatangiye saa tatu abagize inteko bose bahari aribo :
 - KAMANZI Théophile
 - RWAGASANA ELIE MICHEL
 - MUGABO Emmanuel
 - RUZINDANA Stanis
 - BIRINDWA Jean Paul
 - HAKIZAMUNGU Justin
 - UMURISA Médiatrice
 - MUKABARANGA Léa
 - KAMARADE Jean
 - UWIMANA Dative
 - MWEBAZE Augustin
 - SAFI Robert
 - NYAKAYIRO Pie
- Nyuma yo gusenga, uwayoboye inama Pasteur KAMANZI Théophile yatangiye inama avugako ari Inama idasanzwe kandi anagaragaza umurongo w'ibyigwa :
 - Kurebera hamwe ihinduka ry' amategeko shingiro agenga Umuryango dukurikije itegeko rishya No 06/2012 ryo kuwa 17/02/2012, rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango ishingiye kw'idini.
- Nyuma yo gusesengura ayo mategeko shingiro, Inteko Rusange yarayemeje.
- Inteko Rusange yakurikije ho amatora y' abagize inzego z'Umuryango muburyo bukurikira :

ABAGIZE INAMA Y'UBUTEGETSI:

UMUVUGIZI W'ITORERO: KAMANZI Théophile

UMUVUGIZI WUNGIRIJE: SAFI Robert

UMUNYAMABANGA MUKURU : MUKABARANGA Léa

UMUBITSI : MWEBAZE Augustin

ABAJYANAMA:

RUZINDANA Stanislas

HAKIZAMUNGU Justin

UMULISA Médiatrice

URWEGO RUSHINZWE GUKEMURA AMAKIMBIRANE

RWAGASANA Elie Michel

NYAKAYIRO PIE

BIRINDWA Jean Paul

URWEGO RUSHINZWE KUGENZURA UMUTUNGO

KAGWESAGE Aurèa

MUPENZI AGABA Joshua

UMUNYAMABANGA MUKURU

MUKABARANGA Léa

UMUVUGIZI

KAMANZI Théophile

KWEMERA INSHINGANO K'UMUVUGIZI

Njyewe **Pasteur KAMANZI Théophile** nemeye inshingano mpawe n'**Inteko Rusange** yo yo kuba **UMUVUGIZI w'ITORERO RY'INTUMWA RY'UBUBYUTSE MU RWANDA.**

Bikorewe i Kigali, tariki 13/02/2013

Umuvugizi
PASTEUR KAMANZI Théophile (sé)

KWEMERA INSHINGANO K'UMUVUGIZI WUNGIRIJE

Njyewe **SAFI Robert** nemeye inshingano mpawe n'**Inteko Rusange** yo kuba **UMUVUGIZI WUNGIRIJE w'ITORERO RY'INTUMWA RY'UBUBYUTSE MU RWANDA.**

Bikorewe i Kigali, kuwa 13/02/2013

Umuvugizi Wungirije
SAFI Robert (sé)

KWEMERA INSHINGANO KW'ABASHINZWE URWEGO RWO GUKEMURA
AMAKIMBIRANE

Twebwe **RWAGASANA Elie Michel**, **NYAKAYIRO Pie na BIRINDWA Jean Paul** twemeye inshingano duhawe n'**Inteko Rusange** yo kuba abakemura amakimbirane mw'**ITORERO RY'INTUMWA N'UBUBYUTSE MU RWANDA.**

Bikorewe i Kigali, tariki 13/02/2013

RWAGASANA Elie Michel (sé)

NYAKAYIRO Pie (sé)

BIRINDWA Jean Paul (sé)

URUTONDE N'UMUKONO W'ABAGIZE INTEKO

| N0 | AMAZINA | UMUKONO |
|-----------|------------------------------------|----------------|
| 1 | Pasteur KAMANZI Théophile | (Sé) |
| 2 | Pasteur MUKABARANGA Léa | (Sé) |
| 3 | Monsieur MWEBAZE Augustine | (Sé) |
| 4 | Pasteur RUZINDANA Stanislas | (Sé) |
| 5 | Pasteur HAKIZAMUNGU Justin | (Sé) |
| 6 | Madame Umulisa Médiatrice | (Sé) |
| 7 | Pasteur RWAGASANA Michel | (Sé) |
| 9 | Monsieur NYAKAYIRO Pie | (Sé) |
| 10 | Monsieur SAFI Robert | (Sé) |
| 11 | Pasteur KAMARADE Jean | (Sé) |
| 12 | Pasteur BIRINDWA Jean Paul | (Sé) |
| 13 | Pasteur UWIMANA Dative | (Sé) |
| 14 | Pasteur MUGABO Emmanuel | (Sé) |

EVANGELICAL REFORMING CHURCHES OF RWANDA (E.R.C.R)

AMATEGEKO SHINGIRO

UMUTWE WA MBERE :
IZINA, ICYICARO, IGIHE ,INTEGO AHO RIKORERA N’ABAGENERWABIKORWA

Ingingo ya mbere:

Abashyize umukono kuri iyi nyandiko bashinze umuryango **Evangelical Reforming Churches of Rwanda (E.R.C.R)** mu magambo ahinnye y’icyongereza , ugengwa n’itegeko n° 06/2012 ryo kuwa 17/02/ 2012 rigena imitunganirize n’imikorere by’imiryango ishingiyeye ku Idini hamwe n’aya mategeko shingiro.

Ingingo ya 2:

Icyicaro cy’Itorerero gishyizwe mu karere ka Kicukiro , mu mujyi wa Kigali, gishobora ariko kwimurirwa ahandi mu Rwanda byemejwe n’Inteko Rusange.

Ingingo ya 3:

Evangelical Reforming Churches of Rwanda rikorera imirimo yaryo muturere twose tw’u Rwanda. Itorerero rizamara igihe kitagira iherezo .Ushobora kandi gukorana n’indi miryango bihuje intego cyangwa kwifatanya nayo.

EVANGELICAL REFORMING CHURCHES OF RWANDA (E.R.C.R)

STATUTS

CHAPTER ONE:
NAME,HEAD,OFFICE,DURATION,MISSION AREAS OF ACTIVITIES AND BENEFICIARIES

Article one:

The undersigned people convene to create a organization named **Evangelical Reforming Churches of Rwanda (E.R.C.R)** in short in english abbreviation, governed by the Law N°06/2012 of 17/02/ 2012, determining organisation and functioning of Religious –Based organizations and by the present constitution.

Article 2:

The registered office of the Church is located in Kicukiro District; Kigali city .It may however be shifted to any other place upon the decision of the General Assembly.

Article 3:

Evangelical Reforming Churches of Rwanda works their activities in every Districts of the Republic of Rwanda
It is created for none duration time. It may cooperate with other organizations pursuing the same missions.

EVANGELICAL REFORMING CHURCHES OF RWANDA (E.R.C.R)

STATUTS

CHAPITRE PREMIER :
DENOMINATION, SIEGE, DUREE, MISSION, CHAMP D’ACTIVITES ET BENEFICIAIRES

Article premier :

Il est constitué entre les soussignés, une organisation dénommée **Evangelical Reforming Churches of Rwanda (E.R.C.R)** en sigle en anglais régie par la loi N° 06/2012 du 17/02/ 2012 portant organisations et fonctionnement des organisations fondées sur la Religion et par le présent statut.

Article 2:

Le siège de l’Eglise est établi dans le District de Kicukiro, Kigali ville. Il peut néanmoins être transféré ailleurs au Rwanda sur décision de l’Assemblée Générale.

Article 3:

Evangelical Reforming Churches of Rwanda Exerce ses activités sur toute l’étendue de la République Rwandaise. Elle est créée pour une durée indéterminée. Elle peut en outre collaborer avec d’autres organisations poursuivant des missions similaires.

Ingingo ya 4
Intego nkuru

Kwigisha ijambo ry’Imana ni ibikorwa byiterambere.

Itorero rifite intego zikurikira :

- 1) Kwamamaza Ijambo ry’Agakiza nk’uko Yesu Kristu yabitegetse
- 2) Kwita kubikorwa bizamura abaturage, iby’Uburezi n’iby’ubuvuzi

Ingingo ya 5:

Abagenerwabikorwa b’itorero naba bakurikira:

Abanyamuryango ba E.R.C.R n’Abanyarwanda muri Rusange.

UMU TWE WA II: ABANYAMURYANGO

Ingingo ya 6:

Umuryango ugizwe na :

- a) Abanyamuryango bawushinze;
 - b) Abanyamuryango bazawinjiramo;
 - c) Abanyamuryango b’icyubahiro.
- a) Abashinze umuryango ni abashyize umukono kuri aya mategeko shingiro.
- b) Abawinjiramo ni abantu babisaba bamaze kwiyezeza gukurikiza aya mategeko shingiro, bakemerwa n’Inteko Rusange.
- c) Abanyamuryango b’icyubahiro ni abantu cyangwa imiryango bemerwa n’Inteko Rusange kubera inkunga ishimishije batera umuryango. Bagishwa inama gusa.

Article 4:
Mission

To Proclaim the Gospel and run activities of development

Objectifs :

- 1) To Proclaim the Gospel of Salvation, according to the order given by Jesus.
- 2) To Develop the Social activities, Schoolary activities, and Medical activities.

Article 5:

The Beneficiaries of E.R.C.R are :

The members of E.R.C.R and People of Rwanda in General.

CHAPTER II: MEMBERSHIP

Article 6:

The organization is composed of:

- a) The Founder Members;
 - b) The Adherents Members;
 - c) The Honorable Members
- a) Founder members are the signatories of this constitution.
- b) Adherent members are physical persons who, upon request and after subscription to this constitution, are agreed by the General Assembly.
- c) Honorable members are physical or moral persons agreed by the General Assembly due to special support rendered to the organisation They play a consultative role.

Article 4:
Mission

Proclamer l’Evangile et faire les activités du développement.

Objectifs:

- 1) Proclamer l’Evangile du Salut conformément à l’ordre donné par Jésus-Christ.
- 2) S’occuper des œuvres sociales, (Scolaires, et Médicales...)

Article 5 :

Les Bénéficiaires d’ E.R.C.R sont:

Les membres d’E.R.C.R et les Rwandais en Général.

CHAPITRE II: DES MEMBRES

Article ya 6:

L’Association est composée de :

- a) Les Membres Fondateurs
 - b) Les Membres Adhérents
 - c) Les Membres d’Honneur
- a) Sont membres fondateurs les signataires de présent statut.
- b) Sont membres adhérents des personnes physiques qui, sur demande et après avoir souscrit aux présents statuts, sont agréées par l’Assemblée Générale.
- c) Les membres d’honneur sont des personnes physiques ou morales auxquelles l’Assemblée Générale décerne cette qualité pour leur soutien appréciable apporté à l’organisation. Ils jouent un rôle consultatif.

Official Gazette n°37 of 15/09/2014

Abashinze umuryango n'abawinjiramo ni abanyamuryango nyakuri. Biyemeza kugira uruhare mu bikorwa byose by'umuryango.

Uburenganzira bwabo bugenwa n'amategeko y'Umuryango hamwe n'amabwiriza mbonezamikorere.

Ingingo ya 7:

Inzandiko zisaba kwinjira mu muryango zoherezwa Perezida w' Inama y'Ubutegetsi, bikemezwa n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 8:

Gutakaza ubunyamuryango biterwa n'urupfu, gusezera ku bushake, kwirukanwa cyangwa iseswa ry'umuryango.

Usezeye ku bushake yandikira Perezida w'Inama y'Ubutegetsi, agahabwa icyemezo cy'uko urwo rwandiko rwakiriwe ,ukwegura kuba impamo umunsi n'Inteko Rusange ibyemeje.

Icyemezo cyo kwirukana umunyamuryango gifatwa n'Inteko Rusange ku bwiganze bwa 2/3 by'abanyamuryango nyakuri Iyo atacyubahiriza aya mategeko shingiro n'amabwiriza mbonezamikorere y'umuryango. Ishingiye kuri raporo y'umuvugizi uwirukanwe amaze kwiregura.

Ingingo ya 9 :

Buri munyamuryango nyirizina agomba gutanga umusanzu wemezwa n'inteko rusange buri mwaka.

